# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

### *A. Amabwiriza / Regulations/ Règlements*

**Nº 2100 /2018 - 008[614] yo ku wa 25/07/2018**
Amabwiriza rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye ibisabwa mu gutanga raporo…..3
**Nº 2100 /2018 - 008[614] of 25/07/2018**
Regulation of the National Bank of Rwanda on reporting requirements……………………...3
**Nº 2100 /2018 - 008[614] du 25/07/ 2018**
Règlement de la Banque Nationale du Rwanda relatif aux exigences de rapport………………3

**Nº 2100 /2018 - 009[614] yo ku wa 25/07/2018**
Amabwiriza rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye imicungire y'ibyateza ingorane amabanki……………………………………………………………………………..16
**Nº 2100 /2018 - 008[614] of 25/07/2018**
Regulation of the National Bank of Rwanda on risk management for banks………………..16
**Nº 2100 /2018 - 008[614] du 25/07/ 2018**
Règlement de la Banque Nationale du Rwanda du sur la gestion des risques pour les banques.……………………………………………………………………………….....16

### *B. Guhindura amazina/ Change of names / Changement de noms*

***Icyemezo gitanga uburenganzira bwo guhindura izina:***

- NGAYABO Evode ……………………………………………………………..104
- UMUBERA Grace Sarah …………………………………………………….105
- KAZENEZA Gloria ………………………………………………………….106
- UWIMANA Théophila……………………………………………………….107
- NKUSI Benjamin.…………………………………………………………......108
- NDABARAMIYE Heritier …………………………………………………...109
- NYIRAMBEBA Philomène ………………………………………………….110
- January Narcisse ……………………………………………………………...111
- MUNYANKUSI Lwanga Thierry ……………………………………………112
- SEMASAKA Eriel.…………………………………………………………….113
- BUGINGO Keith ……………………………………………………………..114
- DUSABE Marie Claire Aimée ……………………………………………….115
- KAYITESI GASANA Melysa ……………………………………………….116
- KARARA Paul Alice ………………………………………………………...117
- NARAME Gaudence ………………………………………………………....118
- BANDI Emmanuel …………………………………………………………...119
- MBARUSHUMURAGE Boanerge …………………………………………..120
- NYIRAGARUKA Aline ……………………………………………………...121
- KINANI Delphine …………………………………………………………….122

***Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba guhindura amazina:***

- INGABIRE Jean Marie Pacifique ……………………………………………...123
- NYIRANTAMBARA Dative ………………………………………………..123
- UZAMUKUNDA Beatrice …………………………………………………..124
- RWIYEREKA NYIRABURANGA BOKANGA Claire.………………………….124
- WIBABARA Diane ……………………………………………………….125
- SIMBI Sandra ……………………………………………………..........125
- UMULISA Soleil ………………………………………………………….126
- BARAYAVUGA.……………………………………………………………..126
- UWAMAHORO Deborah.……………………………………………………127
- MBISHIBISHI Adolphe ……………………………………………………..127
- KABASINGE Barnabe ………………………………………………………128
- BIGONZIKI Jeanne …………………………………………………………128

## C. ***Amakoperative / Cooperatives / Coopératives***

- GATSIBO AGROPROCESSING COOPERATIVE.…………………………………129
- KORANUMURAVA BUTARE.…………………………………………………..130
- CODFM - KOREREJO.………………………………………………………131
- KOWIRU.……………………………………………………………………..132
- IMBONEZA - KAVUMU ……………………………………………………...133
- DUFATANYE RUSORORO ……………………………………………………..134
- KKAEP.………………………………………………………………………135
- DUKOMEZANYE - NKANGA.…………………………………………………...136
- ABABUNGABUNGA INGAGI ………………………………………………..137
- COOTRAMOKI.……………………………………………………………138
- ABAHUJUMURIMO GASANZE.………………………………………………139
- COSHIKIGI …………………………………………………………………..140

**AMABWIRIZA RUSANGE YA BANKI NKURU Y'U RWANDA Nº 2100 /2018 - 008[614] YO KU WA 25/07/2018 YEREKEYE IBISABWA MU GUTANGA RAPORO**

**REGULATION OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA Nº 2100 /2018 - 008[614] OF 25/07/2018 ON REPORTING REQUIREMENTS**

**REGLEMENT DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA Nº 2100 /2018 - 008[614] DU 25/07/ 2018 RELATIF AUX EXIGENCES DE RAPPORT**

**ISHAKIRO**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro**

**UMUTWE WA II: KUBONA AMAKURU**

**Ingingo ya 3: Uburyo bukurikizwa mu kugaragariza Banki Nkuru amakuru**

**Ingingo ya 4: Kugaragaza amakuru**

**Ingingo ya 5: Ubwoko bw'amakuru agaragazwa n'ibigo bigenzurwa**

**Ingingo ya 6: Kuva mu muyoboro njyanamakuru wikoresha (ADF) ujya mu muyoboro njyanamakuru utikoresha (NONADF)**

**Ingingo ya 7: Gusoza Umwaka w'Ibaruramari**


**TABLE OF CONTENTS**


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this regulation**

**Article 2: Definitions**

**CHAPTER II:DATA READINESS**

**Article 3: Process of availing data to the Central Bank**

**Article 4: Availability of data**

**Article 5: Types of data to be availed by supervised institutions**

**Article 6: Switching from ADF to NONADF**

**Article 7: Closure of Financial Year**


**TABLE DES MATIERES**


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent règlement**

**Article 2: Définitions**

**CHAPITRE II: MISE A DISPOSITION DE DONNEES**

**Article 3: Processus de mise à disposition de données à la Banque Centrale**

**Article 4: Disponibilité des données**

**Article 5: Types de données devant être utilisées par les institutions supervisées**

**Article 6: Passage de l'ADF au NONADF**

**Article 7: Clôture de l'Exercice Financier**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Gusaba amakuru y'inyongera** | **Article 8: Request for further information** | **Article 8: Demande d'informations complémentaires** |
| **UMUTWE WA III: AMAKURU AFITE IREME KANDI ATANGANYWE UBUSHISHOZI** | **CHAPTER III:DATA INTEGRITY AND QUALITY** | **CHAPITRE III : INTEGRITE ET QUALITE DES DONNEES** |
| **Ingingo ya 9: Inkomoko y'amakuru** | **Article 9:Data Source** | **Article 9: Source de données** |
| **Ingingo ya 10: Kwemeza amakuru atanzwe** | **Article 10: Data Validation** | **Article 10: Validation des données** |
| **Ingingo ya 11: Kuba amakuru ari ukuri kandi yuzuye** | **Article 11: Data Accuracy and Completeness** | **Article 11: Exactitude et exhaustivité des données** |
| **Ingingo ya 12: Guhindura amakuru** | **Article 12: Data modification** | **Article 12: Modification des données** |
| **Ingingo ya 13: Ireme ry'uburyo bukoresha ikoranabuhanga** | **Article 13: Soundness of ICT System** | **Article 13: Qualité du système des TIC** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZAIngingo** | **CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES** |
| **ya 14: Ibihano by'amafaranga** | **Article 14: Pecuniary sanctions** | **Article 14: Sanctions pécuniaires** |
| **Ingingo ya 15: Igihe cy'inzibacyuho** | **Article 15:Transition Period** | **Article 15: Période de transition** |
| **Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo inyuranyije n'aya mabwiriza rusange** | **Article 16: Repealing provisions** | **Article 16: Dispositions abrogatoire** |
| **Ingingo ya 17: Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya mabwiriza rusange** | **Article 17: Drafting, consideration and approval of this regulation** | **Article 17: Initiation, examen et approbation du présent règlement** |
| **Ingingo ya 18: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa** | **Article 18: Commencement** | **Article 18: Entrée en vigueur** |

**AMABWIRIZA RUSANGE YA BANKI NKURU Y'U RWANDA Nº2100 /2018 - 008[614] YO KU WA 25/07/2018 YEREKEYE IBISABWA MU GUTANGA RAPORO**

Ishingiye ku Itegeko n° 40/2008 ryo ku wa 26/08/2008 ryerekeye imitunganyirize y'imikorere y'ibigo by'imari iciriritse, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iyi 40 n'iya 41;

Ishingiye ku Itegeko n° 52/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi cyane cyana mu ngingo yaryo ya 52;

Ishingiye ku Itegeko n° 03/2010 ryo ku wa 26/02/2010 ryerekeye uburyo bw'imyishyuranire, cyane cyane mu ngingo zayo iya 8 n'iya 9 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 16/2010 ryo ku wa 7/05/2010 rigenga uburyo bwo guhanahana amakuru ku nguzanyo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yayo ya 3;

Ishingiye ku Itegeko n° 05/2/2015 ryo ku wa 30/03/2015 ryerekeye imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 79;

Inshingiye ku Itegeko n° 31/2015 ryo ku wa 05/06/2015 rigena imiterere n'imikorere by'ikigega cy'ubwishingizi bw'amafaranga

**REGULATION OF THE NATIONAL BANK OF RWANDA Nº 2100/2018 - 008[614] OF 25/07/2018 ON REPORTING REQUIREMENTS**

Pursuant to the Law n° 40/2008 of 26/08/2008 establishing the organisation of micro finance activities, as amended to date, especially its articles 40 and 41;

Pursuant to the Law nº 52/2008 of 10/09/2008 governing the organization of insurance business, especially its article 52;

Pursuant to the Law n° 03/2010 of 26/02/2010 concerning Payment System, especially its articles 8 and 9;

Pursuant to Law nº 16/2010 of 7/05/2010 governing Credit Information System in Rwanda, especially its articles 3;

Pursuant to the Law nº 05/2/2015 of 30/03/2015 governing organization of pension schemes, especially its article 79;

Pursuant to Law n°31/2015 of 05/06/2015 determining the organization and functioning of deposit guarantee fund for banks and microfinance institutions especially its article 13;

**REGLEMENT DE LA BANQUE NATIONALE DU RWANDA Nº 2100 /2018 - 008[614] DU 25/07/ 2018 RELATIF AUX EXIGENCES DE RAPPORT**

Vu la loi n° 40/2008 du 26/08/2008 portant organisation des activités de microfinance, telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 40 et 41 ;

Vu la loi n° 52/2008 du 10/09/2008 régissant l'organisation des activités d'assurances, spécialement en ses articles, spécialement en son article 52;

Vu la Loi n° 03/2010 du 26/02/2010 relative au Système de Paiement, spécialement en ses articles 8 et 9;

Vu la loi n° 16/2010 du 7/05/2010 régissant le système d'information sur les crédits au Rwanda, spécialement en son article 3;

Vu la loi n° 05/2/2015 du 30/03/2015 portant organisation des régimes de pension, spécialement en son article 79 ;

Vu la loi n°31/2015 du 05/06/2015 portant organisation et fonctionnement du fonds de garantie des dépôts pour les banques et les

yabikijwe mu mabanki no mu bigo by'imari iciriritse cyane cyane ingingo yayo ya 13;

Ishingiye ku Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 8 n'iya 10;

Ishingiye ku Itegeko n° 47/2017 ryo ku wa 23/09/2017 ryerekeye imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 61, iya 63 n'iya 117 ;

Isubiye ku ibwiriza n° 02/2009 ryerekeye imitunganyirize y'imikorere y'ibigo by'imari iciriritse cyane cyane mu ngingo yaryo ya 33;

Isubiye ku Mabwiriza nº 05/2009 yo kuwa 29/07/2009 yerekeye iyemererwa n'ibindi bisabwa mu murimo w'ubwishingizi cyane cyane ingingo yayo iya 24, iya 25 n'iya 26;

Isubiye ku Mabwiriza n°06/2009 yo kuwa 29/07/2009 ku iyemezwa n'ibindi bisabwa ku bahuza b'ubwishingizi cyane cyane mu ngingo yayo ya 24;

Isubiye ku Mabwiriza n°001/2016 yo kuwa 18/05/2016 ya Banki Nkuru y'u Rwanda yerekeye imikorere y'Ikigega cy'Ubwishingizi bw'amafaranga yabikijwe mu mabanki no mu bigo by'imari iciriritse cyane cyane ingingo yayo ya 19;

Isubiye ku Mabwiriza nº 05/2016 yo kuwa 26/09/2016 ya Banki Nkuru y'u Rwanda agena ibisabwa ku mikorere n'ibindi bisabwa mu

Pursuant to the Law nº 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, especially its articles 8 and 10;

Pursuant to the Law nº 47/2017 of 23/09/2017 governing the Organisation of Banking, especially its articles 61, 63 and 117;

Having reviewed the Regulation n° 02/2009 on the organisation of microfinance activity especially its article 33;

Having reviewed the Regulation n°05/2009 of 29/07/2009 on licensing requirements and other requirements for carrying out insurance business especially its articles 24, 25 and 26;

Having reviewed the Regulation nº 06/2009 of 29/07/2009 on licensing requirements and other requirements for insurance intermediaries especially its article 24;

Having reviewed the Regulation n°001/2016 of 18/05/2016 concerning operations of the deposit guarantee fund for banks and microfinance institutions especially its article 19;

Having reviewed the Regulation of the National Bank of Rwanda nº 05/2016 of 26/09/2016

institutions de microfinance, spécialement son article 3;

Vu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda, spécialement en ses articles 8 et 10 ;

Vu la loi n° 47/2017 du 23/09/2017 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en ses articles 61, 63 et 117

Revu le règlement n° 02/2009 relatif à l'organisation de l'activité de microfinance spécialement en son article 33 ;

Revu le règlement n° 05/2009 relatif aux conditions d'agrément et autres conditions requises pour l'exercice de l'activité assurance spécialement ses article 24,25 and 26 ;

Revu le règlement nº6/2009 du 29/07/2009 relatif aux conditions d'agrément et autres conditions requises pour intermédiaires d'assurance spécialement en son article 24 ;

Revu le règlement nº 001/2016 of 18/05/2016 concernant le fonctionnement du fonds de garantie des dépôts pour les banques et les institutions de microfinance spécialement son article 19 ;

Revu le règlement de la Banque Nationale du Rwanda nº 05/2016 du 26/09/2016 sur les exigences opérationnelles et autres exigences pour

bwiteganyirize bwa pansiyo cyane cyane ingingo yayo ya 18;

Isubiye ku Mabwiriza rusange n° 01/2017 yo kuwa 22/02/2017 agenga ibiro by'ivunjisha cyane cyane ingingo yayo ya 25;

Isubiye ku Mabwiriza rusange n° 05/2018 yo ku wa 27/03/2018 agenga abatanga serivisi zo kwishyurana cyane cyane mu ngingo yayo ya 40;

Isubiye ku mabwiriza rusange nº 02/2012 yo kuwa 30/04/2012 agena raporo zisabwa amabanki;

Banki Nkuru y'u Rwanda, mu ngingo zikurikira yitwa « Banki Nkuru », itegetse:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije**

Aya mabwiriza rusange agamije gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga ibigo bigenzurwa bikoresha mu guha Banki Nkuru amakuru bisabwa, agomba kuba ari ay'ukuri, yuzuye kandi bikayatangira igihe.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro**

Muri aya mabwiriza rusange, uretse aho biteganyijwe ukundi, amagambo n'imvugo bikoreshwa bifite ibisobanuro bikurikira:

establishing operational and other requirements for pension schemes especially its article 18;

Having reviewed the Regulation n° 01/2017 governing of 22/02/2017 foreign exchange bureaus especially its article 25;

Having reviewed the Regulation n° 05/2018 of 27/03/2018 governing payment services providers especially its 40;

Having reviewed the regulation nº 02/2012 of 30/04/2012 on reporting requirements from banks;

The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as the "Central Bank", decrees:

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this regulation**

This regulation aims at creating an electronic platform from which supervised institutions shall provide to the Central Bank with accurate, complete and timely required data.

**Article 2: Definitions**

In this regulation, unless the context requires otherwise, the following words and expressions shall mean:

les régimes de pension spécialement son article 18 ;

Revu le règlement n° 01/2017 du 22/02/2017 régissant l'activité de bureaux de change, spécialement en son article 25 ;

Revu le règlement n° 05/2018 du 27/03/2018 régissant les prestataires de services de paiement spécialement son article 40 ;

Revu le règlement nº 02/2012 du 30/04/2012 portant sur des rapports exigés aux banques;

La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée la « Banque Centrale », édicte :

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent règlement**

Le présent règlement vise à créer une plate-forme électronique à partir de laquelle les institutions supervisées doivent fournir à la Banque Centrale des données requises exactes, complètes et en temps opportun.

**Article 2 : Définitions**

Dans le présent règlement, à moins que le contexte ne l'exige autrement, les mots et expressions suivants signifient :

1° **Ububiko bw'Amakuru (DWH)**: ubushyinguro bwa Banki Nkuru bukusanyirizwamo amakuru yerekeye ikigo, akubiyemo ibisabwa byose, agenda ahinduka akurikije igihe kandi afite ireme akanafasha ubuyobozi mu ifatwa ry'ibyemezo ; cyangwa ububiko bwagutse bw'amakuru yakusanyijwe aturutse ahantu hatandukanye mu bafatanyabikorwa ba Banki Nkuru kandi bwifashishwa mu guha Banki Nkuru umurongo igenderaho ifata ibyemezo birebana na politiki y'ifaranga no kudahungabana k'urwego rw'imari.

2° **Ikigo kigenzurwa**: ikigo cyose kigenzurwa kandi gikuriranwa na Banki Nkuru;

3° **Umuyoboro njyanamakuru wikoresha** (**ADF**): uburyo bwikoresha buhita bwohereza amakuru mu Bubiko bw'Amakuru asabwa na Banki Nkuru aturutse mu buryo bukoreshwa n'ikigo kigenzurwa na yo hatagombye gukoreshwa intoki cyangwa kugira ikindi kiyakosorwaho. Amakuru aboneka aho yoherejwe afite ikimenyetso ko ashobora guhita yifashishwa;

4° **Umuyoboro njyanamakuru utikoresha (NON ADF**): uburyo bwo kohereza amakuru mu bubiko bw'amakuru bwa Banki Nkuru aturutse mu bubiko bw'ikigo

1° **Data Warehouse (DWH):** a repository for the Central Bank that is subject-oriented, integrated, time-variant and non-volatile collection of data in support of management's decision-making process; or a large store of data accumulated from a wide range of sources within Central Bank stakeholders and used to guide Central Bank monetary policy and financial stability decisions.

2° **Supervised institution:** any institution regulated and supervised by the Central Bank;

3° **Automated Data Flow (ADF):** automatic and direct transmission to the Central Bank's Data Warehouse of required data from a supervised institution's source system without any manual intervention or adjustment. Data are availed with readiness flag;

4° **Non Automated Data Flow (NON ADF):**transmission to the Central Bank's Data Warehouse of data from a supervised

1° **Entrepôt de données (DWH)**: un référentiel de la Banque Centrale utilisé pour la collecte de données orientées, intégrée, variable dans le temps et non volatile pour appuyer le processus décisionnel de la direction; ou un grand stock de données accumulées auprès d'un large éventail de sources au sein des partenaires de la Banque Centrale et utilisé pour guider les décisions de la politique monétaires et de stabilité financière.

2° **Institution supervisée**: toute institution réglementée et supervisée par la Banque Centrale;

3° **Flux de Données Automatisé** (**ADF**) : transmission automatique et directe à l'entrepôt de données de la Banque Centrale des données requises provenant du système source d'une institution supervisée, sans aucune intervention manuelle ou ajustement. Les données sont disponibles avec un indicateur de disponibilité ;

4° **Flux de Données Non-Automatisé (NONADF**) : transmission à l'entrepôt de données de la Banque Centrale des données provenant de la base de données

kigenzurwa na yo cyangwa uburyo bukoreshwa hifashishijwe intoki;

5° **Banki Nkuru**: Banki Nkuru y'u Rwanda;

6° **Amakosora akorwa mu mpera z'igihe cy'ibaruramari:** inyandiko zishyirwa mu gitabo mu mpera z'umwaka w'ibaruramari hagamijwe gukosora amakuru kugira ngo agaragaze ukuri ku byerekeye uko ikigo cy'imari gihagaze mu gihe gikorwaho raporo;

7° **Inyandiko zahawe itariki ya mbere y'igihe zakorewe**: Inyandiko zishyirwa mu gitabo zifitanye isano n'ibihe byabanjirije ibaruramari;

8° **Amakuru**: Amakuru ari mu buryo bw'ikoranabuhanga ashobora guhererekanywa cyangwa gutunganywa ;

9° **Gusubiza kuri zeru**: kwimurira inyandiko y'ibaruranyungu cyangwa ibaruragihombo cy'umwaka mu nyungu zitagabanywe ;

10° **Uburyo koranabuhanga bw'ibanze** : uburyo koranabuhanga butunganye bw'ikigo kigenzurwa butanga amakuru.

institution's database or system with manual intervention;

5° **Central Bank:** the National Bank of Rwanda;

6° **End of period adjustments:** journal entries made at the end of an accounting period for the adjustment of data to accurately reflect the supervised institution's financial position for the reporting period;

7° **Back-dated entries:** journal entries related to some previous accounting periods;

8° **Data**: Information in digital form that can be transmitted or processed.

9° **Zerolisation**: Transfer of current year profit or loss to retained earnings;

10° **Core IT system:** an organisational IT data production system.

ou du système d'une institution supervisée avec intervention manuelle;

5° **Banque Centrale**: la Banque Nationale du Rwanda ;

6° **Ajustements de fin de période comptable**: les écritures du journal faites à la fin d'une période comptable pour l'ajustement des données afin de refléter avec précision la situation financière de l'institution supervisée pour la période de rapport;

7° **Entrées antidatées** : Entrées du journal liées à certaines périodes comptables antérieures;

8° **Données**: Informations sous format numérique pouvant être transmises ou traitées ;

9° **Remise à zéro**: Transfert du résultat de l'exercice en cours aux bénéfices non distribués ;

10° **System d'information de technologie de base** : a système de production de données organisationnelles.

**UMUTWE WA II: KUBONA AMAKURU**

**Ingingo ya 3: Uburyo bukurikizwa mu kugaragariza Banki Nkuru amakuru**

Ibigo bigenzurwa bigomba kugeza amakuru mu Bubiko bw'Amakuru bwa Banki Nkuru bikoresheje umuyoboro njyanamakuru wikoresha (ADF) cyangwa utikoresha(N0NADF).

**Ingingo ya 4: Kugaragaza amakuru**

Buri kigo cyose kigenzurwa kigomba kugaragaza amakuru gisabwa mu buryo bukurikira:

1° ku makuru atangwa buri munsi arebana n'igurisha n'igura ry'amadevise, uwo munsi mbere ya saa kumi n'ebyiri z'umugoraba ;

2° ku y 'andi makuru atangwa ku munsi : ku munsi w'akazi ukurikira, mbere ya saa ine z'amanywa ;

3° ku makuru atangwa buri kwezi: atangwa mu iminsi itanu (5) y'akazi mu kwezi gukurikira ;

4° ku makuru atangwa buri gihembwe : atangwa mu iminsi itanu (5) y'akazi mu igembwe gikurikira.

**CHAPTER II: DATA READINESS**

**Article 3: Process of availing data to the Central Bank**

Supervised institutions shall avail data to the Central Bank DWH by either ADF or NONADF.

**Article 4: Availability of data**

Any supervised institution shall avail required data as follows:

1° for daily data related to foreign exchange for cash purchase and sales, the same day before 6:00 pm;

2° for other daily data: the next working day, before 10:pm;

3° for monthly data: Within five (5) working days of the following month;

4° for quarterly data: Within five (5) working days of the following quarter.

**CHAPITRE II: MISE A DISPOSITION DE DONNEES**

**Article 3: Processus de mise à disposition de données à la Banque Centrale**

Les institutions supervisées doivent fournir des données à l'Entrepôt de données de la Banque Centrale par l'intermédiaire du flux de données automatisé (ADF) ou du flux de données non automatisé (NONADF).

**Article 4: Disponibilité des données**

Toute institution supervisée doit disposer des données requises comme suit:

1° pour les données quotidiennes relatives à l'achat et vente de devises, le même jour avant 6 :00 pm ;

2° pour d'autres données quotidiennes : le jour ouvrable suivant, avant 10 : 00pm après le jour où les données ont été enregistrées dans le système;

3° Pour les données mensuelles: dans les cinq (5) jours ouvrables du mois suivant ;

4° pour les données trimestrielles : dans les cinq (5) jours ouvrables du trimestre suivant.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Ubwoko bw'amakuru agaragazwa n'ibigo bigenzurwa**

Banki Nkuru ishyiraho amabwiriza asobanura amakuru agomba kugaragazwa n'ibigo bigenzurwa mu byiciro bitandukanye.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Kuva mu muyoboro njyanamakuru wikoresha (ADF) ujya mu muyoboro njyanamakuru utikoresha (NonADF)**

Ikigo kigenzurwa cyifashisha umuyoboro njyanamakuru wikoresha (ADF) gishobora guhindura kigakoresha umuyoboro njyanamakuru utikoresha (NONADF) mu gihe uwo muyoboro udakora neza. Icyakora, mbere yo guhindura umuyoboro njyanamakuru cyakoreshaga, ikigo kigomba kubanza kubyemererwa na Banki Nkuru.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Gusoza Umwaka w'Ibaruramari**

Buri kigo kigenzurwa kigomba kagaragaza amakuru arangiza umwaka mu Bubiko bw'Amakuru bwa Banki Nkuru mbere yo gusubiza kuri Zeru. Uko kwimura inyandiko bikorwa mbere y'uko umwaka w'ibaruramari urangira.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Gusaba amakuru y'inyongera**

Banki Nkuru ishobora gusaba ibigo bigenzurwa andi makuru y'inyongera akenewe kugira ngo isohoze inshingano zayo.

**<u>Article 5</u>: Types of data to be availed by supervised institutions**

The Central Bank issues a directive specifying data to be availed by supervised institutions in different domains.

**<u>Article 6</u>: Switching from ADF to NON ADF**

A supervised institution using ADF may switch to NON ADF in case of system failure. However, before switching, the institution shall seek prior approval from Central Bank.

**<u>Article 7</u>: Closure of Financial Year**

Each supervised institution shall avail closing data entries to the Central Bank Data Warehouse before zerolisation. The later takes place at the end of the year.

**<u>Article 8</u>: Request for further information**

The Central Bank may request from supervised institutions such other information as may deem necessary to achieve its mandate.

**<u>Article 5</u>: Types de données devant être utilisées par les institutions supervisées**

La Banque Centrale émet des directives spécifiant les données devant être utilisées par les institutions supervisées dans différents domaines.

**<u>Article 6</u>: Passage de l'ADF au NONADF**

Une institution supervisée utilisant le Flux de Données Automatisé (ADF) peut passer au Flux de Données Non automatisé (NONADF) en cas de défaillance du système. Toutefois, avant de changer, l'institution doit obtenir l'approbation préalable de la Banque Centrale.

**<u>Article 7</u>: Clôture de l'Exercice Financier**

Chaque institution supervisée doit disposer des données de clôture à l'Entrepôt de Données de la Banque Centrale avant la remise à zéro. Cette dernière a lieu à la fin de l'année.

**<u>Article 8</u>: Demande d'informations complémentaires**

La Banque Centrale peut demander aux institutions supervisées toute autre information jugée nécessaire à la réalisation de son mandat.

**UMUTWE WA III: AMAKURU AFITE IREME KANDI ATANGANYWE UBUSHISHOZI**

**Ingingo ya 9: Inkomoko y'amakuru**

Ibigo bigenzurwa bitanga amakuru bikoresheje umuyoboro njyanamakuru wikoresha (ADF) agomba kuva mu buryo karanabuhanga bw'ibanze. Naho ibikoresha umuyoboro nyanamakuru utikoresha(NonADF) amakuru agomba guturuka mu ikusanyirizo ry'amakuru ritunganyije, ryagenzuwe kandi ritanga amakuru yose.

**Ingingo ya 10: Kwemeza amakuru atanzwe**

Banki Nkuru igena amabwiriza yerekeye umurongo ukurikizwa mu kwemeza amakuru ibigo bigenzurwa bitanga.

**Ingingo ya 11: Kuba amakuru ari ukuri kandi yuzuye**

Buri kigo kigenzurwa kigomba kugenzura ko amakuru yavanywe mu buryo gikoresha cyangwa yakuruwe hakoreshejwe ikoranabuhanga ari ukuri kandi yuzuye hakurikijwe imirongo ngenderwaho y'Ububiko bw'Amakuru bwo muri Banki Nkuru.

**Ingingo ya 12: Guhindura amakuru**

Buri kigo kigenzurwa kigomba kureba ko amakosora yakozwe mu mpera z'igihe cy'ibaruramari yashyizwe mu buryo ikigo

**CHAPTER III: DATA INTEGRITY AND QUALITY**

**Article 9: Data Source**

Supervised institutions shall ensure that data availed through ADF are from their respective IT Core system. Data availed through NON ADF are from an organized, controlled, and integrated database.

**Article 10: Data Validation**

The Central Bank shall issue a directive on the guidance for the processes on data validation by supervised institutions.

**Article 11: Data Accuracy and Completeness**

Each supervised institution shall ensure that the data extracted or uploaded from its system are accurate and completed in accordance with the Central Bank Data Warehouse guidelines.

**Article 12: Data modification**

Any supervised institution shall ensure that end of period adjustments are posted into its system before

**CHAPITRE III: INTEGRITE ET QUALITE DES DONNEES**

**Article 9: Source de données**

Les institutions supervisées s'assurent que les données fournies à partir du Flux de Données Automatisé (ADF) proviennent dans le system de l'information de technologie de base. Les données fournies à partir du flux de données Non-Automatisé (NONDF) doivent provenir d'une base de données organisée, contrôlée et intégrée.

**Article 10: Validation des données**

La Banque Centrale émet une directive sur les orientations relatives aux processus de validation des données devant être fournies par les institutions supervisée.

**Article 11: Exactitude et exhaustivité des données**

Chaque institution supervisée doit s'assurer que les données extraites ou téléchargées depuis son système sont exactes et complètes conformément aux directives de l'Entrepôt de Données de la Banque Centrale.

**Article 12: Modification des données**

Toute institution supervisée doit s'assurer que les ajustements de fin de période sont enregistrés dans son système avant de pouvoir utiliser les données

gikoresha mbere yo kuyatanga anyujijwe mu muyoboro njyanamakuru wikoresha (ADF) cyangwa utikoresha (NONADF). Icyakora, ibikorwa byahawe itariki ibanziriza igihe byakorewe ntibyemewe.

Ihindura iryo ari ryo ryose ry'amakuru mu buryo bw'amakosora yakozwe mu mpera z'igihe cy'ibaruramari cyangwa gukosora amakosa ayo ari yo yose agaragara mu makuru yavanywe cyangwa yakuruwe hakoreshejwe ikoranabuhanga bigomba gukorwa nyuma.

Banki Nkuru itangaza amabwiriza yerekeye inama zikurikizwa mu guhindura amakuru bikozwe n'ibigo bigenzurwa.

**Ingingo ya 13: Ireme ry'uburyo bukoresha ikoranabuhanga**

Buri kigo kigenzurwa kigomba kuba gifite uburyo bw'ikoranabuhanga bukora neza kandi bukomeye, buhuje n'ibisabwa mu itangwa ry'amakuru afite ireme kandi yakusanyijwe mu bushishozi.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 14: Ibihano by'amafaranga**

Iyo Banki Nkuru isanze ikigo kigenzurwa cyaratanze amakuru atuzuye, arimo amakosa, abeshya cyangwa ayobya cyangwa adakurikije ingingo iyo ari yo yose iteganyijwe muri aya mabwiriza rusange, icyo gihe Banki Nkuru

availing data through ADF or NON ADF. However, back-dated transactions are not allowed.

Any data modification in form of adjustment of the end period or correction of any error in data already extracted or uploaded shall be done prospectively.

The Central Bank shall issue a directive on the guidance for data modifications by supervised institutions.

**Article 13: Soundness of ICT System**

Each supervised institution is required to have a sound IT system that meets the requirements for data readiness, integrity and quality.

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 14: Pecuniary sanctions**

Where the Central Bank determines that a supervised institution has availed incomplete, erroneous, false or misleading data or does not comply with any of the provision of this regulation,

par l'intermédiaire du Flux de Données Automatisé (ADF) ou non automatisé (NONADF). Cependant, les transactions antidatées ne sont pas autorisées.

Les ajustements de fin de période, toute modification ou rectification de toute erreur dans les données déjà extraites ou téléchargées doit être faite prospectivement.

La Banque Centrale publie une directive sur les orientations à suivre pour modifier les données transmises par les institutions supervisées.

**Article 13: Qualité du système des TIC**

Chaque institution supervisée doit être doté d'un système informatique fiable répondant aux exigences de mise à disposition, d'intégrité et de qualité des données.

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 14: Sanctions pécuniaires**

Lorsque la Banque Centrale trouve qu'une institution supervisée a fourni des données incomplètes, erronées, fausses ou trompeuses ou qui ne sont pas conformes à l'une des dispositions

ihanisha icyo kigo ibihano by'amafaranga biteganywa mu mabwiriza.

**Ingingo ya 15: Igihe cy'inzibacyuho**

Buri kigo kigenzurwa kitubahirije uko bikwiye aya mabwiriza rusange kigomba gufata ingamba za ngombwa zo kwikosora kugira ngo kibonera umuti ibyuho byagaragaye mu gihe kitarenze amezi abiri (2) uhereye igihe aya mabwiriza rusange atangarijwe.

Ikigo kigenzurwa gishyikiriza Banki Nkuru gahunda y'ikosora mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'itangazwa ry'aya mabwiriza rusange.

**Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo inyuranyije n'aya mabwiriza rusange**

Ingingo zose z'amabwiriza rusange yabanjirije aya kandi zinyuranye na yo, by'umwihariko Amabwiriza rusange N°03/2011 yerekeye ibisabwa mu gutanga raporo, zivanyweho.

**Ingingo ya 17: Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya mabwiriza rusange**

Aya mabwiriza rusange yateguwe, asuzumwa kandi yemezwa mu rurimi rw'icyongereza.

it shall apply pecuniary sanctions defined in the directive.

**Article 15:Transition Period**

Any supervised institution, which is not in full compliance with this regulation, shall take necessary remedial measures to address identified data gaps within a period not exceeding two (2) months from the publication of this regulation.

A supervised institution must submit to the Central Bank a detailed remedial plan within a period not exceeding thirty (30) days after the publication of this Regulation.

**Article 16: Repealing provisions**

All prior regulatory provisions contrary to this Regulation, notably the regulation n° 03/2011 on reporting requirements are hereby repealed.

**Article 17: Drafting, consideration and approval of this regulation**

This Regulation was drafted, considered and approved in English.

du présent règlement, elle applique des sanctions pécuniaires définies dans la directive.

**Article 15: Période de transition**

Toute institution supervisée qui ne respecte pas le présent règlement dans son intégralité, doit prendre les mesures correctives nécessaires pour combler les lacunes déjà identifiées dans un délai ne dépassant pas deux (2) mois à compter de la publication du présent règlement.

Cette institution soumet également à la Banque Centrale un plan de redressement détaillé dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours après la publication du présent règlement.

**Article 16: Dispositions abrogatoires**

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent règlement, notamment le règlement n°03/2011 relatif aux exigences de rapport, sont abrogées.

**Article 17: Initiation, examen et approbation du présent règlement**

Le présent règlement a été initié, examiné et approuvé en anglais.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 25/07/ 2018

**(sé)**
**RWANGOMBWA John**
**Guverineri**

**<u>Article 18</u>: Commencement**

This Regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Done at Kigali, on 25/07/2018

**(sé)**
**RWANGOMBWA John**
**Governor**

**<u>Article 18</u>: Entrée en vigueur**

Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Fait à Kigali, le 25/07/ 2018

**(sé)**
**RWANGOMBWA John**
**Gouverneur**